K0210663

| | | |
|---|---|---|
| **IDENTIFICATION** | : | **0026 09 /06/94** |
| **DURÉE** | : | **90 MINUTES** |
| **QUALITÉ** | : | **BONNE** |
| **TRANSMISSION** | : | **RTLM** |
| **NOM DU TRANSCRIPTEUR** | : | **MUSHONGANONO Béatrice** |
| **DATE DE LA TRANSCRIPTION** | : | **LE 04/09/2001** |
| **NOM DU FICHIER** | : | **0026 WPD** |
| **DICTAPHONE** | : | **SANYO MODÈLE : TRC-8080**<br>**SÉRIE : P8806620** |

**Cassette 0026 transcrite par M.B.**

**RESUME DE LA CASSETTE 0026.**

**FACE A**

RUTAGENGWA Jean Marie Vianney :

- Il parle de la méchanceté des Inkotanyis et raconte brièvement comment il a pu échapper à la mort.
- Déroulement de la guerre des Inkotanyi.

GAHIGI Gaspard interviewe RUTAGENGWA J.M.V sur:

- La méchanceté des Inkotanyis.
- La situation qu'a vécue RUTAGENGWA pendant la guerre}.

**FACE B**

RUTAGENGWA J.M.V. : Suite de la situation qu'il a connue depuis la commune Muhazi jusqu'à Kigali.

BEMELIKI Valérie :

- Elle parle du déroulement de la guerre, de l'échec des Inkotanyi et de leur méchanceté.

NKURUNZIZA Ananie :

- Echec des Inkotanyi.
- Elle souligne la collaboration entre DALLAIRE, MUSEVENI et les Inkotanyis.
- La mort des Evêques et prêtres tués par les Inkotanyi (à Gitarama).
- La décision prise par OUA au sommet de Tunis à l'encontre de la délégation des

Inkotanyi.

- Différentes informations.

**FACE A**

**Orateur : RUTAGENGWA Jean Marie Vianney, Bourgmestre de la Commune Muhazi :**

... li uretse abo be babirukankanye, abandi abo bagiye bafata ni amayeri babicishije, bakabashuka bakabaha imbunda, nk'ubwo hari igikorwa bakoze giteye ubwoba cyane, bashutse abagabo bati "turashaka abagabo bo bo muri MDR, bo muri PL ee abo ngabo nta cyo tubahora abo dushaka abo dushaka kwica ni abo muri ni abo muri MRND gusa kuko baturwanyije, abo ngabo murumva ko bagomba kurwanirwa n'Iterahamwe, rero mwebwe turabashaka tukabigisha imbunda". Abagabo na bo bati "tugiye gukira". Bafashe abagabo ijana na makumyabiri. Abagabo ijana na makumyabiri babahaye imbunda babaha n'amasasu barababwira bati "murase rwose murare muzica ubundi ahasigaye ejo mu gitondo uu tu... tujye tujyana ku rugamba". Imbunda baraziga. Buracya mu gitondo baraye barasa ubwo ngubwo na twe twaraye ku nkeke tuvuga tuti noneho ibintu byakomeye, buracya mu gitondo tugiye kubona tubona bagabye igitero kuri segiteri yabo kuko Segiteri ya Duha ite... iteganye n'iya Nyarubuye twarabarebaga, bahiga noneho abaturage bandi basigaye. Barabahiga pe! Bagafatana amaboko urunana. GAHIGI ngira ngo urabibona nk'uko twicaranye na Ananiya, nkafata ukuboko kwawe, nkafata n'ukwa Ananiya Ananiya na we agafata undi, agafata undi, agafata undi, noneho bakamanuka kuva ku gasozi hejuru kugera hasi mu kabande kugera ku Kiyaga, umuntu wese basanze aho ngaho, yaba ari umugore wihishe, yaba ari umwana wihishe, yaba ari umugabo wihishe bakamwica. Segiteri yose barayikora uwo munsi wose barayirangiza, barangije bajya kubakoresha inama, ba bagabo uko ari ijana na makumyabiri hee bati "ariko Abahutu muri ibicucu koko! Niko? Ubu se ko ababarwaniriraga mumaze kubica mwe mur hehe"? Abagabo baricaye za mbunda baziba bababwiye bati "nimuzirambike hariya". Maze barabarasa koko! Barabarasa icyo bita urufaya. Abantu mirongo ine ni bo bashoboye gutoroka muri abo ngabo ijna na makumyabiri, abandi bose mirongo inani

babiciye aho ngaho. Ibyo kandi bari baranabikoze no muri Muhazi, muri Gishari, Segiteri Gishari ni uko babishe bashutse uwari Resiponsabule wa we wa Seli we wa Selire ariko akaba yarasimburaga Konseye muri iyo minsi kuko Konseye na we yasimburaga Burugumestre, baramushuka bati "bwira abaturage dukorane inama". Arabakoranya, arabakoranya amaze kubakoranya babashyira aho bita mu Rusisiro i Gishari ni ahantu hari ama... amazu y'abakozi ba Leta bakoraga muri Sanatorium, abaturage barabicaza bose. Haje minibusi yuzuye Inkotanyi, bose bafite imbunda ziregeye rwose zi... zisharije. Babakoresha inama barababwira bati "twebwe icyo dushaka ni amahoro, ntabwo dushaka ubutegetsi bw'igitugu ni bwo twaje gukuraho, mwari mwaramenyereye ubutegetsi bwe bw'Ikinani yarababumbiye muri MRND yabishe nabi, ubu twebwe tuje kubabohoza".

Abaturage barabumva koko barabyemera, bageze hagati barabarasa, abaturage bose bari bicaye nta n'umwe washoboye kurokoka. Yewe n'abayobozi ba ba Segiteri n'iki bose bose bapfiriyemo n'uwo mugabo yitwa HITIMANA Petero bise ba bari bakunze kwita Rugaravu, kimwe n'uwitwa SIMUGOMWA Paul wari umu ee hinzi mworozi wa kijyambere, ubwo abo bose barahapfiriye Segiteri Gishari ni uko bayimaze muri Muhazi.

Aho twanyuze rero hose, ubwo nari mbabwiye muri Gikoro nk'aho ngaho i (inaudible), i Musha, ni uko babigenje abaturage barabishe. Ahantu hose twanyuze nagira go nkubwire ko umuntu ufite umutima woroshye yashoboraga no kubireka n'ibi byo kuza i Kigali akabyihorera ahubwo akajya kwiyahura. Ahantu hose twanyuze ni imirambo. Abantu barapfuye, hariya nababwiye uretse Gikomero bagezemo vuba, nka Gikoro barayangabaje, ingo zose nta muturage uhasanga uhasanga imirambo gusa. Muri... Komine... ya gi... ya Gikomero na ho mvuga ko abaturage batari baba... batari babamara ariko rero ubu na bo aa ubu ndumva babagerereye, na ho mu ngo zose, twagendaga, twagendaga ninjoro, twagendaga dusimbuka imirambo. Imirambo, biriya bavuga bagenda bakwirakwiza ngo ngo "Interahamwe zishe abantu", none se izo Nterahamwe ko bavuga ko zishe abantu mu matariki ya mbere y'ukwezi kwa... kwa kane Prezida wa Repubulika agipfa, iyo mirambo iracyari aho? Nk'ubu ngubu, jyewe ni uko bidashoboka, sinzi MINUAR numvise ko ngo igiye ku ba bagiye kuyagura ahari ngo bazaba bashinzwe ku ee kuge... kurenganura abantu barenganye, n'ubu ngubu bankundiye ndakeka ko MINUAR ari abasirikare bashobora no

kugera aho abasirikare barwanira cyangwa bakagera n'aho ab'Inkotanyi barwanira, tukajyana bakareba. Wenda bagafata naa na groupe y'abantu bashinzwe kurengera Ikiremwa muntu ahari, noneho nka nkasa n'ubasubiza gato mu nzira twanyuzemo. Nta n'ubwo nabageza kure, nabajyana hano muri Rubungo honyine bakareba nka hariya nko muri Segiteri Ru ya ya Rubungo nkabageza hariya za Musave bakareba! Nta muturage n'umwe uhari ni imirambo gusa, ni imirambo gusa. Ingo zose zuzuye imirambo, yewe nkanabajyana n'aho amapozisiyo y'izo Nkotanyi yari ari kuko henshi bagiye bahimuka, nk'aho i Musave bari bahari iyo position twayinyuzemo yuzuye imirambo, Interahamwe ntabwo zaje kwicira abantu aho Inkotanyi zari zishinze ibirindiro! Bakareba, ni imirambo gusa. Bakareba za Jurwe aho bari bari, bakareba mu Mana y'i Burunga aho bari aho bari bashinze ibirindiro, aho hose ni ahi ni ah'ibirindiro by'Inkotanyi byari biri. Aho hantu hose nta muntu ushobora kuhabona ni imirambo ibyo bintu narabyiboneye rwose Bwana GAHIGI, ni ho nabonye ubugome bwo nari narabubonye ariko byarakabije. N'ubwo nakubwiye ngo hari utuntu tw'amabanga na... twagiye dukoresha hariya mu mu ngendo, ariko nagira ngo nkubwire ko uzi ko ubundi mu mu rugendo nk'urwo ngurwo umuntu ararya agerageza kugira ate, byageze n'ahantu umutima uzinukwa kubera kubona abapfu ku manywa! Twirirwaga mu mirambo aho twabaga twihishe, nta kigunda na kimwe wajyamo ngo utagisangamo umurabo. Twagendaga mu masaka no mu ntoki ibyo twe... ni yo nzira yacu, hose wicaraga ahantu ukabona wicaye ku murambo. Aho wicaye ukabona wicaye ku murambo kandi abantu bose bapfuye kimwe. Bose barahambiriye inyuma amaboko kandi umutwe barawusatuye. Ni... ubwo rero ku byerekeranye n'ubugombe nagira ngo nkubwire ko ee ibyo ni bimwe mu byo niboneye muri urwo rugendo rwose.

**Orateur : GAHIGI Gaspard :**

Twakunze kuvuga ubugome n'ubwicanyi bw'Inkotanyi, ariko ngira ngo RUTAGENGWA Yohani Mariya Vianney, Burugumestre wa Komine Muhazi washoboye gucika izo Nkotanyi kuva muri Komine ye kugera ino aha, atubwiye ku buryo buteye ubwoba, ku buryo bwumvikana ubwo bugome bw'Inkotanyi, ariko nkagira ngo nkubaze nse n'usubira inyuma, abantu bo muri Komine z'ii z'i Buganza benshi bahunze bagana iya Kibungo berekeza iya Rusumo muri Tanzaniya. Wowe ujya kugana iya Kigali byagenze bite? Ni uko bari bakugose ku nzira igana i Kibungo cyangwa ni uguhunga nyine gusa umuntu atazi iyo yerekera ugiye kubona ubona

ugannye inzira ya Kigali? Kuki utahunze ugana iyo abandi bagannye?

**Orateur : RUTAGENGWA Jean Marie Vianney :**

Yee ibyo birumvikana, ee ngira ngo abantu burya bose ntabwo batekereza kimwe kandi n'iyo utekereza urabanza ugashishoza. Ni byo, intambara itangira abaturage bamwe bo muri ariya makomine y'u Buganza bahunze berekeza ku Rusumo, abashoboye ndetse barambutse twumva ko bambutse bakage... bakajya no muri Tanzaniya. Ariko rero ndagira ngo nkubwire Bwana GAHIGI, burya yego mu ntambara ni mu ntambara ariko ee n'imibereho y'umuntu cyane cyane n'umuntu uba aba ajijutse na none arabanza agashishoza. Jye ntabwo nahunze intambara igitangira. Narabanjije ndarwana ndetse nagira ngo nakubwire ko n'abaturage bo muri Muhazi bisa n'aho twapfukiranywe, ntunakeke ko n'ubwo intambara yarangira, ndi Burugumestre ariko nina... ninarokora nzarokora abaturage bakeya. Inkotanyi zaradupfukiranye kuko zaduteye ziturutse muri ako gapande uvuga ko twari kukanyuramo tujya muri Tanzaniya cyangwa tujya ku Rusumo ni ho zaturutse. Urumva rero ntabwo twari kuhahungira, n'abagerageje guhunga bakeya, ni abahunze bagaruka muri Komine Bicumbi no muri Gikoro, ndetse n'ejobundi numvise umudamu waba waravugiye kuri Radiyo ngira ngo ukomoka za Mukarange ubanza ngo yitwa Venansiya sinda sindamenya neza agomba kubaari iyo za Gitarama na we avuga ko yanyuze za Bicumbi. Ako gapande rero ni ko zari zaturutsemo urumva twagendaga twihinda twihindira aho zitaragera. Ariko byaje guhinduka gatoye kuko zahise zituruka na none muri Gikoro zivuye za Gikomero. Gusa, jye ntabwo navuga ko nahunze ngana i Kigali mbitewe n'uko ee na... nasanze ari uko hirya aho zari zahagose, ahubwo naratekereje. Naratekereje cyane cyane ko jye narashakishwaga, ee nsanga ningaruka muri ruriya ruhande rwa Tanzaniya nta mahirwe mfite none se ko nari maze kumenya ko i Rwamagana nta musirikare wacu uhari, kandi i Kibungo nkaba nta makuru yaho nari mfite, nari naramaze kumenya ko zanyuze za Rukira zigana ku Rusumo, ubwo nararebye nsanga ntashobora ku... guhungirayo kuko ni hahandi nari kuba nzigemuriye.

Kubera rero ko nari maze n'iminsi mpanganye na zo twararwanye kuva, ndumva twararwanye hafi iminsi nka makumyabiri n'abaturage dufatanyije, ndetse iranarenga kuko twatangiye ku itariki makumyabiri, twatangiye ku itariki makumyabiri kugeza ku itariki cumi n'imwe ni na bwo

twagamburuye, ubwo rero naravuze nti ndetse hari n'aba... n'abe n'aba (inaudible) abasirikare bari ba... bari baragoswe n'Inkotanyi bari mu makonje, turareba dusanga tutakora urugendo turi abantu bageze kuri makumyabiri, noneho twigabanyamo kabiri, igipande kimwe kinyura ukwa cyo n'ikindi kinyura ukwacyo. Gusa kugeza ubu ngubu icyanyuze muri... hari... ubwo twari twiyemeje ko bamwe (interruption)

**Orateur : GAHIGI Gaspard :**

(inaudible) dukomez, reka dukomeze reka dukomeze, nagira ngo tutaguciye mu ijambo kuko ibintu uvuga birumvikana, aho wari guhungira bari bahanyuze kandi ukavuga uti numvise nshaka kujya i Kigali, ariko nagira ngo nkubaze akantu wenda ka... kareba cyane cyane iby'izo Nkotanyi. Mu nzira, muri iyo Karuvariyo, muri iyo nzira y'umusaraba mwagenze, mwatungwaga n'iki?

**Orateur : RUTAGENGWA Jean Marie Vianney :**

Hum, uhum! Murakoze cyane kumbaza (aseka) icyo kibazo, ndagira ngo nkubwire ko ubundi numvaga ntashaka kubivugira hano kuri Radiyo kuko (arasetse) hari ibanga umuntu aba yihariye, urumva ee nari nsa... twari dusangiye dufite uu twari twaradabagiye koko twari twarasinze amahor,o twari turi mu buzima bwiza, umuntu yari afite ibiryo abaho, ariko ubwo twabayeho muri iyi nzira y'umusaraba bwo ni uburyo buhambaye, ee ubundi numvaga ntabivugira kuri Radiyo ariko kubera ko ni hahandi abo mbwira ni abavandimwe banjye ni abaturage nkanjye, ni a... ni abantu na bo bashobora kuza... sinabi... nta we nifuriza kuzahura n'ibibazo nk'ibi, ariko uwahura na byo na we na... yakora nk'uko nakoze.

Nagira ngo rero mbabwire ko Bwana munyamakuru GAHIGI, twa twa twatunzwe, ikintu cya mbere nagira ngo nakubwire, twatunzwe n'aba... n'abaturage abo bake twashoboye kubona; aho twanyuze mu nzira bagiye batwakira neza. Hari aho twaze koko tukabona ibiryo, nka hariya nagiye nagiye nkubwira twagiye turara, hari aho twagiye tuka... tukahasanga nk'umuntu umwe akatwakira ndetse ee akanadutekera, ibiryo mu... none se ko nta imyaka nta wuyitangan izo Nkotanyi ni zo zisigaye muri ayo makomine ntabwo zi... ntizisarura. Ibintu bira... ibintu birahari. Twa... aho twageraga twararyaga ndetse uretse ko hari nk'aho twagiye tugera tugasanga hari... hari impunzi nyinshi aa hari aho wumva nko mu maselire amwe n'amwe bagiye bashobora

guhungira, tugasanga ibiryo bihenda, tukabigura tukitekera, tukagira dute, ariko rero ee ngarutse ku ibanga ryanjye, wenda hari bimwe ntakubwiye mu ubuzima bwanjye kuko sinigeze nirondora nta mwirondoro wanjye natanze, ariko nagira ngo nkubwire ko uretse kuba ndi n'umutegetsi cyangwa se ee ubundi naba... nabaye umuskuti maze imyaka makumyabiri n'umwe ndi umuskuti n'ubu ndacyari we kuko ni ibintu umuntu asezerana ubuzima bwe bwose. Nakoresheje rero ka kantu ba abantu bakunze kuvuga ngo "ni... ni deburuyari", nakoresheje ibintu bita "kwirwanaho". Aho twageze tugasanga hari abantu, nagira ngo nakubwire ko muri uru rugendo rwose nagenze nta faranga na rimwe nari mfite. Nakubwiye ko Inkotanyi zarantwikiye, ee ntabwo nigeze nkubwira ukuntu zanshakishije, zandoshye mu ruzi incuro zingahe mu Kiyaga cya Muhazi, naracyoze, navuyemo nta... yewe hari n'aho navuye nta n'umwenda mfite, n'utu nageze ino aha ngaha ni utwo nahawe n'abaturage, ubwo urumva rero n'amafaranga nta yo nari mfite. Abaturage rero barantunze. Abaturage barantunze, aho rero nageze, aho twako... aho nagendaga ninjoro, aho nagendaga mu bigunda nta baturage mbonye, twaryaga iki? Twahekenye ibitoki bibisi. Nagira ngo nkubwire ko ubu tumaze ibyumweru hafi bi bibiri n'igice nta kintu gihiye na kimwe turya! Twahekenye imyumbati, twahekenye ibijumba, tukaba twaragize ikibazo cy'amazi uzi ko kugenda aho hantu hose nta kintu unywa ni ikibazo. Ariko rero twagize n'amahirwe nk'uko nakubwiye ko nta baturage bari muri ayo ma... muri ayo makomine, muri ayo maserile aho twanyuraga hose nta baturage bahari, amapapayi yareze inyoni zirimo zirarya. Twatunzwe n'imbuto, amacunga areze hari... hari aho twageraga tuga... tugahurura uu uga ugapfunyika, aho twicaye mu kigunda, mu rubingo nagira ngo nkubwire ko nta hantu twigeze tunywa amazi mabi mu bishanga twagendaga, ahubwo twariye ibisheke. Ibikaju rwose bireze, aho twanyuze hose kuko twagendaga nyine tunyura mu ntuza mu mu mu bishanga mu ntoki hehe twaryaga ibisheke biryo ikibazo cyo kunywa amazi ntitukigire. Inyota ika... ikatwica ariko tuzi ko (inaudible) aho turi bugere hose turi buze kubona ibisheke. Ibyo ari byo byose rero muri make, hari byinshi ntashaka kuvuga uko twabigenje, cyakora twatunzwe n'ibiryo bibisi : ibijumba, imyumbati, ibitoki, byose twabiryaga ari bi... ari bibisi.

**Orateur : GAHIGI Gaspard :**

Bon, nshuti mutwumva, nagira ngo uyu mugabo tumurekere aha ngaha akuka afite tutakamumaramo, yatubwiye inzira y'umusaraba yagenze, mwiyumviye ukuntu Inkotanyi zishe

abantu, mwiyumviye ubugome bwazo, Imana rero koko irinda abayo, Bwana RUTAGENGWA Yohani Mariya Viyane, madamu we, abandi... abo babiri bandi bazanye n'akana k'agakobwa bose twababonye, tukaba rero two... tukomeje kubaragiza Imana, Imana ikomeze ibafashe. (Musique)

**Le reste de la face A est vide.**

**FACE B**

**Orateur : RUTAGENGWA Jean Marie Vianney :**

(inaudible) amapozisiyo uko twagiye tuyanyuramo, ubwo tugeze aho ngaho kuri (inaudible) Inkotanyi na zo za... batubwiraga ko zihari turazikwepa tugera mu izi... zindiro rya Remera, na ho zari zihari turazikwepa, ubwo twari dutangiye no guhura amamodo n'a...amamodoka yazo zijya za Kinyinya, ni bwo... budukereyeho turara mu ki... muri iki gitondo twiririwa mu rubingo bituma tudashobora kugira n'ikintu tumenya n'ahantu turi. Aho ngaho rero twara... ubwo twari tumaze gufata Nyarutarama batubwiraga ko ari Nyarutarama ya mbere, uwo musozi twawuzengurutseho iminsi itatu. Kubera ko ku manywa twiririwaga twihishe Inyenzi tuzira... ee ntitugire icyo tumenya cyo hanze, ninjoro tukongera tuga... tuka... tugatangira urugendo tukazenguruka wa musozi kugeza ubwo mu gitondo twahunze tugenda tu... genda imiso... turenga indi misozi ibiri dusa n'aho dutangiye bundi bushya bucya dusubira inyuma dutangira bundi bushya tugarutse ni bwo twamenye ko turi hafi y'i Kigali (silence) ariko na bwo twabibwiwe n'uko mu ijoro twagenzemo bacanye amatara kuri Roi Fayçal, tuyabonye turavuga tuti buriya hariya ni kuri CND kuko ubwo Inkotanyi ari zo zigenzura kano karere kandi tukaba tu dukeka ko zari muri CND tuti ubwo ni ho bacanye. Tubonye iyo nzu yaka, turindira aho ngaho turahaguma, bigejeje mu gitondo kindi tubona ni... ni Hôpital Roi Fayçal. Ni bwo rero uwo munsi wose twiriwe tugenzura tureba ee amazu yose tumenya Hopital Roi Fayçal, tubona Méridien ndetse na CND turayibona, na Stade Amahoro turayibona, ubwo ninjoro ni bwo twongeye dutangiye dutangiye urugendo rutugeza munsi ya Nyarutarama neza noneho tuba

duteganye n'amapozisiyo y'Inkotanyi kuko imisozi yose, imisozi ya Nyarutarama, hose tu... tuzireba uwo munsi turahiririwa, tumaze kuhiririrwa ni bwo dutangiye rero no kureba ukuntu twateka umutwe ukuntu tuzazimeneramo biratugora cyane.

Nyarutarama twayimazeho iminsi ine. Iyo minsi ine yose twarimo dushakisha. Turareba dusanga nta kuntu tuzazimeneramo, ni bwo tusanze uburyo bwadushobokera ari ukuzanyura hafi ya Stade Amahoro. Na none hafi ya Stade Amahoro nabwo twarebaga tugasanga ari uguteka umutwe, keretse twishyize mu maboko ya MINUAR kuko nta kundi twari kuzi... kuzimeneramo. Ubwo rero twahise dufata icyemezo cyo kunyura kuri Stade Amahoro tukishyira mu maboko ya MINUAR. Nk'uko bisanzwe rero ubwo na none twakoze ijoro, dukoze ijoro turaza tugera kuri Stade Amahoro, dusanga impunzi zirimo zirariririmba, ba... barabyina na Radiyo Rwanda yaravugaga yari igikora hari nko mu ma saa... mu ma... saa yine, noneho turapimiranya tujya mu i... ibizu biri harya imbere ya Stade, ariko dupimiranya n'umuryango noneho wa Hoteli Amahoro kugira ngo mu gitondo tuze guhita twi... twiroha ku irembo tubonane n'abantu ba MINUAR. Ubwo turaharara, tumaze kuharara tuu mu gitondo tubona abaturage ba... impunzi zihari zisohotse zigiye kuvoma, ndareba nti ubwo ndi umugabo ninjya ku... ninzegera ni u... hari mu ma saa kumi n'igice, ziragira ubwoba zirirukanka, ni bwo ee kubera ko nari kumwe n'umudamu wanjye n'umwana w'umuturanyi, aba ari bo nohereza yo. Baragenda bavugana na bo barababaza bati "se ko turi impunzi kugira ngo tugere hariya ku... aho mwahungiye bi... biragenda bite"? Bati "nta kibazo gihari, ariko rero mugomba kwitonda kuko Inkotanyi na zo zirahagenda". Ese Inkotanyi ko twagira ngo ni MINUAR (inaudible) he? Bati "ni byo ni MINUAR iharinze ariko Inkotanyi nk'uku ziraza zikatwiyorobekamo, zikazamo ndetse niba rero" bati "se muri mwenyine"? Bati "oya, turi kumwe n'abagabo babiri" ti "ndetse ni na batatu" niba rero muri kumwe rero n'abagabo, abo bagabo ni ukwitonda kuko bashobora kuzahasiga agatwe". Bababwira nyine impamvu tugomba kubyitondera, nsanga rero izo mpamvu nzuzuza bituma ee sinzi... ubwo wenda GAHIGI araza kumbaza niba izo mpamvu ari ngombwa ko nzivuga, ubwo nambaza nibiba ari ngombwa na zo ndazivuga ariko ariko nasanze izo mpamvu rero zituma ngomba kuhitondera ngomba nzuzuza, nsanga ngomba kwifata. Mpitamo rero kujya kubonana na... n'aba n'abasirrikare ba MINUAR. Ndagenda mpageze mbasobanurira ko jye ntashaka guhungira muri stade ahubwo nshaka kubonana n'ubutegetsi bw'umujyi wa Kigali, MINUAR

imbera ibamba bambwira ko byanga bikunda kugira ngo bashobore kugira icyo bamarira ari ukwinjira mu muri stade. Kubera rero ko nari namenye ko nimpinjira biri bungore ntazahikura, mpitamo ee kwemera ko ngiye kubonana na bo, ndazamuka gatoya, ngeze ku irembo rya stade mpita nyine nsubira inyuma ee ndagaruka, ndakwepa ngeze imbere yo kwa Lando ubwo hari bariyeri y'Inkotanyi kandi bari batubwiye ko Inkotanyi iyo bumaze gucya zigota stade kugira ngo hatagira umuntu wongera kugirana ibiganiro n'abantu bahahungiye cyane cyane ko Inkotanyi ziba zishaka gukora ee kugira ngo zibone abayoboke babandi ba... bamwe mwumva ngo bagiye kugi... ku ge... iruhande rwabo iyo bagiye ku iyo bagiye gutangira kubahungisha, icyo gihe rero bo mu gukora kwabo ni ho bagenda bashaka abazajya mu gipande cya bo n'abazajya mu gipande cya Guverinoma. Ubwo rero jye kubera ko nari maze kumenya ko zi...giye gufunga bara... barambwiye bati "nutihuta mu minota itanu ziraba zagufungiyeho", manuka manuka hariya hagati ya ya MINUAR na... no kwa Lando, niroha mu rugo ruhari ee ngira n'amahirwe nsanga ari urugo rwubakishije imiyenzi ee turarupfumura turupfumuye Inkotanyi dukeka ko ari n'Inkotanyi ikomeye kuko ee nabonaga isa n'aho yari ifite amapeti kandi yari yari no mu modoka yitwaye, ziba zitunyuzeho mu modoka, tura... turapfumura dupfumuye tu... dusanga hari umukingo muremure tuwirohamo kuko nta kundi twari kubigenza, twiroshye muri icyo gikingo tukimanutse tu tugwa mu muferege tuguye mu muferege uu imodoka y'Inkotanyi ii irimo y'ikamyoneti irimo Inkotanyi inyuma nyinshi iba ihise mu muhanda twari tugiye kuwinjiramo turagaruka twiroha muri wa mukoki na none, baravuga ngo "abagore burya ngo bakunda kwigengesera", ariko umugore umaze kugenda hafi ukwezi kose agenda anyura muri bene ibyo bibazo ngira ngo na we aba yarabaye... sinzi mu minsi yashize twajyaga tuvuga ba MUKAMURENZI kubera ko ubwo twari kumwe n'uu n'umudamu wanjye n'undi mwana w'umukobwa, uko gusimbuka ee tujya mu miferege na bo barasimbukaga ku ahubwo babaga ba banawudutanzemo. Ubwo tugira amahirwe tuwuryamamo Inkotanyi zirahita, turamanuka hariya Remera niba ari yo Remera ya kabiri ngira ngo, dutunguka ahantu habera agasoko, tuhageze na none dukubitanira n'izindi Nkotanyi mu modoka, twihishe inyuma y'inzu, inzu twihisheho tubona iragaragara tuzamutse tubona ziratureba kuko hagati yi... yo kwa yo kwa Lando n'iriya nzu UNICEF yakoreragamo, ngira ngo ni inzu ahari banza ngo ari iya NZIRORERA, twabonaga zitureba. Turihisha hashira umwanya tuhamara nk'iminota mirongo itatu dutegereje ko hari ikintu cya cyaturuka haruguru tubona nta cyo, ubwo turamanuka gatoya tugeze rero mu kizu ki...

batagi... bati... kitigeze cyuzura cyate... kirimo ibyatsi byinshi tukirirwamo uwo munsi wose, nuko bigejeje ninjoro, hagati aho ngaho ubwo ni ko twakoraga n'amapla yo kuza kumena kugira ngo tuze kugera mu mujyi, ni bwo tuvuze tuti nta handi turi busange position kuko aho twizeye haba hagikora ni muri Camp GP. Rero kugira ngo tuzahagere ni ukuza kunyura mu kibaya kiri hagati ya... Remera na Kimihurura. Ijoro ribi bube rimaze ku... rigeze mu ma saa moya turamanuka tugeze mu gishanga dusanga imirwano yatu... imirwano yatangiye. Amasasu aravuga, Kimihurura araturukayo, ku Kicukiro araturukayo, Remera araturukayo, ntabwo rero twashoboraga gutandukanya amasasu y'Inkotanyi n'ay'abasirikare bacu. Biratuyobera twahamaze nk'isaha, bimaze kugera mu ma saa, bimaze kugera mu ma saa yine ni bwo tufashe umugambi wo kuhava, tuti noneho tujye kunyura ku Kicukiro, tuzinyure inyuma noneho tuzatunguke mu Gatenga. Turazamuka, turaza tukigera mu muhanda wa kaburimbo uturuka i Kanombe, tugiye kubona tubona imodoka z'Inkotanyi zirazamutse, imwe yari irimo abasirikare b'Inkotanyi, indi yari irengejeho igihema ntitwashoboye kumenya icyo gikamyo icyo cyari gitwaye, na none bwo twihisha mu myobo y'Inkotanyi. Twagize amahirwe dusanga barayicukuye hariya hose i Remera ni imyobo gusa, duhita twinjira mu myobo.

Ubwo ngubwo turareba tuti icyokora tugize amahirwe ziriya modoka aho zigenda zi... zigabanya, ubwo haraba hari Inkotanyi, aho zitagabanya nta Nkotanyi ziri bube zihari kuko ntabwo ziba zicanye n'amatara. Ubwo rero turi... tu... duhita twirukanka tugeze hariya aho umugabo GATARAMA yubakaga, ku kizu gihari turamanuka dushaka ku... kugira ngo tujye (inaudible) iriya muri ntu... hariya za Ki... za Kicukiro dusanga ntibishoboka. Inzira turazibura ntitwanarebaga, dufata icyemezo cyo kunyura muri kaburimbo yose. Tumanuka kaburimbo, indi kamyo na none iraza idacanye nabwo irimo Inkotanyi tuyigendaho tumanuka twirukanka, tureba aho yi... yigabanya tubona nta ho, tumanuka iya kaburimbo yose tugera hariya kuri rond-point yo ku Kicukiro, tuhageze igikamyo tubona cyakase kijya ku Kicukiro hejuru, tumanuka uwo muhanda wose tugeze hariya kuri Multi-média dutangira kumva koko ko Inkotanyi zirimo na zo zigenda aho ngaho mu mazu ariko tudashobora kumenya aho ziri. Amasasu kandi ubwo (interruption).

**Orateur : BEMELIKI Valérie :**

**Cassette 0026 transcrite par M.B.**

Kugira ngo amahanga akunde ayumve nyamara bamaze kuyitahura dore ko n'intumwa zayo zari ziyobowe n'icyihebe Pasteri BIZIMUNGU muri kiliziya, Umuryango w'abi... muri ya nama y'abaministre b'Ububanyi n'amahanga b'ibihugu by'u... bikoze Umuryango w'abibu... ee Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika, ee banze kubemerera ko bakurikirana imirimo y'iyo nama, ubwo rero izacu ziba ari zo ziyikurikirana.

Ubwo ejo nari nababwiye nyine ko hariyo intumwa z'impande zombi tutazi neza izashoboye kujya muri iyo nama ariko naje kumenya ee ko intumwa ziyobowe na Minstre w'Ububanyi n'amahanga w'igihugu cyacu Bwana BICAMUMPAKA Jérôme ari zo zemerewe gukurikirana imirimo y'iyo nama, bikaba binavugwa ko mu nama izahuza Abaprezida b'ibihugu bigize uwo Muryango i Tunisi muri Tuniziya yategurirwaga n'iriya y'abaministre b'Ububanyi n'amahanga, Prezida w'igihugu cyacu Nyakubahwa Docteur SINDIKUBWABO Théodore ari na we uzahagararira igihugu cyacu muri iyo nama y'abaministre. Ubwo turi buze kubigarukaho turebe ko koko ukuntu aba amahanga na yo ndetse n'Imiryango mpuzamahanga iriho ivumbura Inyenzi-Inkotanyi nk'uko twagiye tubibabwira.

Turabahamagarira rero gukurikirana ibiganiro bya Radiyo RTLM, mukomere ubu tu... (interruption) ... RTLM. Amakuru ki rero ku rugamba, ku rugamba byifashe gute? Ku rugamba uko bigaragara umuntu yavuga ko kiriho kigaragara kuva na mbere twatangiye tubivuga tuti ingabo zacu turazizeye, na n'ubu tukizizeye. Ikiriho kigaragara ni uko na none ingabo z'u Rwanda ziriho koko zirushaho kugira ngo zitwereke ko tugomba gukomeza kuzigirira icyo cyizere twatangiranye kandi tukage... tukagomba no kurushaho kuko ubutwari bwo nu... ni... ni ubwo basanganywe, uzi ko ubu bagenda babugaragaza aho bageze hose.

Ubu rero ku Kacyiru, ku Kacyiru ejo habaye imirwano murabizi ko ejo nababwiraga ko abantu babageze bagiye kureba za Gasyata, bagiye za Gisozi, ubwo abandi bari ku Kacyiru. Ku Kacyiru rero i... ingabo z'igihugu zifatanyije n'abaturage bashoboye guhashya umwanzi ndetse bamutwara n'iminyago myinshi, iyo minyago ikaba yari irimwo amaradiyo menshi, amaradiyo atanga kandi anahabwa amakuru usanga ko atari bya biradiyo bikomeye byinshi bifite n'icyo n'ibyo bikorera. Ibikoresho bindi byari kumwe nyine, harimo za amplificateurs, harimo antennes,

harimo za chargeurs harimo na za sta... za stabilisateurs. ibyo byose rero byavumbuwe muri Ambassade ee ya Misiri hariya ku Kacyiru. Muzi ko nyine abanyamahanga bamaze kugenda ee Inyenzi-Inkotanyi zagiye zibasira amazu bajyaga bakoreramo, zigenda zihashinga ibirindiro, cyane cyane nk'ambassade ya Misiri murayibona aho iherereye iri hafi ya Hôtel Méridien hariya ku Kacyiru aho nyine Inyenzi-Inkotanyi zumva ko ari ubukonde bwazo kandi mu by'ukuri atari byo, noneho zitangira kuhashinga ibirindiro zishyiramo ibikoresho byose. Ibyo bikoreshorero bikaba byarafashwe ejo n'ingabo z'igihugu cyacu ndetse bikaba binagaragaza ko bimwe abantu bavuga ko "mu by'ukuri abasirikare b'Abagande bo bari guta urwo rugamba bagata ibyo bikoresho bakigendera", bishobora kuba ari ari impamo kuko nta kuntu ibintu nka biriya by'agaciro kangana kuriya umuntu yabita ngo aragiye. Ni uko rero aba ari Inkotanyi, ari n'abo Bagande bumva ko iyi ntambara nta cyo izabagezaho, bumva ko batagomba gukomeza kurwanira ubusa ndetse banagira bati natwe ubuzima bwacu bushobora kuhatakarira, nta cyo turwanira icyo twapfaga ni uko mwampaye amafaranga yanjye, icyo gice kindi gisigaye, muzi ko ariko abamerisoneri bakora, umumerisoneri nyine babaha amafaranga iyo agiye ku rugamba bakamuha igice kimwe, noneho urugamba rwaba rurangiye batsinze cya gice cya kabiri bakabona kukimuha. Naho abandi rero ubwo burya barareba bati ntabwo ruriya rugamba dushobora kurutsinda, ntabwo dushobora gufata u Rwanda, ibyiza ni uko "twakwikuriramo akacu karenge" noneho bya bikoresho bakajugunya iyo ngiyo bakigendera. Nta cyo nyine bajye bakomeza babidusigire, ubwo ubutaha umunsi bongeye kudutera ba... bongeye tumaze kubahashya twazabikoresha.

I Gikondo na ho rero ni uko, i Gikondo hose na ho Inyenzi za... zakubitanye n'ingabo z'igihugu, ingabo z'igihugu zizikubita incuro ndetse zirukana Inyenzi ku mapozisiyo kuri position yazo, zimwe zihata agatwe. Ariko ubwo bigejeje mu ma saa cyenda ni bwo Inyenzi zashatse kongera ngo zigaruke kuri position yazo zishaka kwirukana ingabo z'igihugu, ariko ingabo zacu "zizibera ibamba", ahoubwo na none Inyenzi zisa nk' iziyahura zihasiga agatwe.

Na none i Nyamirambo murabizi nyine na ho urugamba ruracyahari, ruracyakomeza ubona ko rukomeza mu by'ukuri ruragaragaza ko ingabo z'igihugu ziriho zigenda zirutsinda kuko Inyenzi zahataye byinshi, zahatakaje n'Inyenzi nyinshi, ku buryo rero usanga ko na none ziriho zigenda ziyahura zikaba zararebye zibura uko zibyifatamo ubwo zisanga ari ngomwa ko zahungira mu

Kiliziya cy'abayisilamu zahungira mu Musigiti, ubwo zikaba ngo zihunga nyine amasasu y'ingabo z'igihugu cyacu.

Na mbere kandi murabizi ko ee ni byo nababwiraga ko amazu menshi bagiye bayagiraho nk'ibirindiro byabo bagashingamo ibitwaro cyangwa se bagashyiramo n'ibindi bikoresho nk'ariya maradiyo. Ubwo no mu Musigiti wa Kadafi hariya i Nyamirambo bari barahashyize urubunda rwa rutura n'ibindi bikoresho, muzi ko urubyiruko rwacu rwari ruyobowe na Stani ejobundi, ibyo bikoresho iyo mbunda ni... urwo rwa rutura rwari rurimo barufashe. Ubwo rero bagiye gusimbura urwo rubunda binaga muri iyo muri Mosquée muru... muri uwo Musigiti ubwo ni ho babonye ubuhungiro, ariko bishye bishyira yuko izo Nyenzi zigomba kuvumburwamo zikazaturumbukamo zutumva zitabona kandi inyinshi zihasize agatwe.

I Rulindo rero, i Rulindo na ho ingabo z'igihugu cyacu zashyamiranye nyine n'Inyenzi-Inkotanyi cyane cyane ahegereye ishuli rya ry'amashuri mato abanza ry'amashuri abanza riri i Kanyinya hariya i Shyorongi, ingabo z'igihugu cyacu nyine murabyumva nyine icyo zarebeye Inyenzi-Inkotanyi, na bwo zarahaguye zicuza icyazigejeje aho ngaho, ku buryo bahataye n'ibikoresho byinshi.

Ikigaragara na none ni uko muri mu gace ka Nyanza, mu gace ka Nyanza n'ubwo Inyenzi-Inkotanyi zikomeje kohereza ibisasu nyine bya rutura, zibyohereza mu baturage b'inzirakarengane ariko akenshi usanga ko ibyo bisasu bigenda bigahera mu mu biti binaganitsemo cyangwa se bikitura mu bi... mu bitaka ugasanga abo bantu ubwenge bwabo utazi ukuntu bumeze kuko ibifaranga bamara bagura biriya bisasu bitagize n'icyo bibagezaho, ku buryo ndetse twe tubona ko iyi ntambara kuko bigaragara ko bayitsinzwe, bari bakwiye gushyikirizwa inzego z'ubucamanza mpuzamahanga kugira ngo abo bantu bafatirwe n'ibihano bareke kuvuga ngo si imishyikirano, iyo mishyikirano yego irahari ariko se tuzahora mu mishikirano, mu mishyira... mu mishyikirano? Nta gihe imishikirano itabaye ariko ni bo babaye aba mbere kugenda bayaca inyuma, iyo tumaze kugera ku masezerano ugasanga baragaba ibitero. N'ubu rero nta wakwizera ko imishyikirano turimo, iyo mishyikirano yazagira icyo ii itugezaho kigaragara nkanswe ko Inyenzi tusanzwe tuzizi zihora ziyacaho kandi ziyacaho nkana zibishaka

ngo aha zirashaka ku... gufata ubutegetsi bwose bwo mu Rwanda.

Na none kandi muribuka Akanyenzi kahoze hariya hejuru kajyaga kirasa karasa hariya mu muhanda wa... wa hariya ku Giticyinyoni, abagenzi bakwihitira kakabavuza urusasu kugira ngo abantu batahanyura, imodoka zahanyura kakarasa. Ako rero kadukanye ingeso yayo na none kongeye karayubura, kayuburiye hariya i Musambira ni ho kahagaze nyine hejuru ku musozi kakajya kamisha amasasu ku bahisi n'abagenzi bihitiye mu muhanda. Ni ukuvuga ko ako kantu rero urubyiruko rwacu n'ingabo zacu bari bakwiye gukora uko bashoboye kugira ngo ako kantu bagafate nk'uko bafashe hariya kariya k'i Shyorongi iriya mbunda bakayikambura, ni ngombwa ko n'uwo muntu rero atagomba kubuza Abanyarwanda amahoro, Abanyarwanda bagomba kwihitira muri uwo muhanda ngo kababuze amahoro. Bakwiye rero gukora uko bashoboye ari urubyiruko rwacu, ari n'abasirikare bacu bagakora uko bashoboye kugira ngo iriya mbunda iri aho hakurya i Musambira, kariya Kanyenzi kahasige agatwe noneho n'iriya mbunda yacu bayikambure buriya iraba iyacu byanze bikunze n'ubwo kayizanye ariko iraba iyacu kuko namara kuhasiga agatwe twe tugomba noneho kuyikoresha duhashya izindi zene wayo.

Ubwo rero ayo ni yo makuru muri make y'ukuntu ku rugamba byifashe kugeza muri iki gitondo, uko andi makuru agenda atugeraho na byo turaza kubibabwira ariko na none sinakwibagirwa kubabwira ko ee muri iki gitondo abasore n'inkumi babyiyemeje ubu bahuriye kuri brigade ya Nyamirambo aho bagiye gufata ee gukora gahunda yo kugira ngo mbese bajye kubohoza ee uriya musozi wa Rebero bifuza ko, mu by'ukuri uko babibona ko intambara igiye kurangira kandi ikarangira tuyitsinze, bumve ko bagombye na none guhita babohoza Rebero, bakahatunganya kugira ngo ibyishimo byabo bazabigaragarize aho ku i Rebero bahabyinira.

Ubwo rero muri abo basore n'inkumi bose bagiye bitwaza intwaro bafite, ubu bakaba bari muri iyo nama kugira ngo rero barebe uko ee bajya kwataka aho ku i Rebero, Utunyenzi nka tubiri dutatu twaba twarahasigaye ee maze twibonere icyo rero urubyiruko rw'u Rwanda ari cyo. Amakuru rero y'urugamba ni uko ateye kugeza muri iki gitondo, andi agenda atugeraho na yo turagenda tuyabagezaho.

**Cassette 0026 transcrite par M.B.**

(Musique) nk'uko nabibabwiye, nababwiraga ko amaradiyo avuga amakuru menshi, tukaba rero twari tuba... tubafitiye amakuru yagiye avugwa n'amaradiyo yo hanze, ndetse n'abashoboye gukurikrana Radiyo Rwanda na yo mwayiyumviye. Ariko muri aka kanya mbere y'uko ngira icyo mbibabwiraho, dusanzwe tumenyereye ko umunyamakuru NKURUNZIZA Ananiya na we ajya atugezaho amakuru yabaye, yumvise mu maradiyo yo hirya no hino. Muri aka kanya rero tukaba turi kumwe hano uri stidiyo, turagira ngo twunganirane rero ku makuru twagiye dukurikirana ku maradiyo, akagira ngo abagezeho rero ibyo yabateguriye muri aka kamwanya.

**Orateur : NKURUNZIZA Ananie :**

Murakoze Valeriya, ndasuhuza abo basirikare bose bo muri bataillon ya mirongo itandatu na rimwe iri ku Muhima, izo Nterahamwe n'abo basore bose bari kuri ku rugamba ruhanganye na Gisozi. Umaze gusobanura uko imirwano ihagaze kuri uyu munsi wo ku itariki ya cyenda z'ukwezi kwa gatandatu, Inkotanyi zimerewe nabi rero birumvikana. Twavuze ko nibijya kugaragara yuko zimerewe nabi ari bwo zizashaka imishyikirano kugira ngo zikure mu isoni. Ndakeka, n'uwashaka ariko yakwemeza ko ari muri urwo rwego DALLAIRE yongeye kwinginga kugira go habe inama hagati y'abahagarariye ingabo zacu n'abahagarariye bariya bo mu Nkotanyi. Iyo nama rero yabaye ejo ngo imara amasaha atanu, mu by'ukuri nta cyo yagezeho kuko iyo igira icyo igeraho baba bakitubwiye, uretse ko DALLAIRE yumvikanye ku maradiyo mpuzamahanga, yavuze ko ngo yageze ku bintu byiza ariko atavuze ibyo ari byo.

Aha na none MUSEVENI wongeye kumvikana ku maradiyo y'amahanga yavuze yatangaje ko "Inkotanyi ngo zidashobora gutsinda na rimwe iyi ntambaro iyi ntambara, ko zidafite ibikoresho n'abantu bihagije ku buryo bya... zatsinda ingabo za Leta", ni ko bazita, ngo "cyokora izo Nkotanyi ze zishobora guhagarika imirwano ari uko bemeye ko hajyaho Urukiko mpuzamahanga rwazacira imanza ngo abantu bishe abandi muri iki gihugu". Aho rero murumva ko igitekerezo cya DALLAIRE gihwanye n'icya MUSEVENI cyo gushaka guhagarika imirwano kugira ngo Inkotanyi zikure mu isoni, bazikure mu isoni. Gusa ikibazo dufite, iyo mirwano irahagarara turi hehe? Duhagaze he muri iki gihe? Izo Nkotanyi ziri mu maki muri ibi bihe? Ese nk'uko Valeriya yabivugaga, uruhande rwacu rw'u Rwanda rwasabye yuko zahanwa, zigahanwa kubera amarorerwa zakoze muri iki gihugu? Ubu se iyi mirwano bayihagarika abari hano mu mujyi

K0210680

rwagati ntituzongere kunyura hariya i Remera tugiye i Kibungo? Ibyo rero ni ibyo kwitabwaho nk'uko Valeriya yabivugaga, bariya bana bashaka kujya kubohoza Rebero ubu ngo bari i Nyamirambo, nzamutse mu Mahi mu Muhima aho babita ngo "ni Brigade Rebero", bati "natwe utuvugire kuri Radiyo ko dushaka gukora Brigade Muhima yo kubohoza igihugu cyacu".

Intambara yo kubohoza igihugu cyacu ntabwo igomba guhagarara, ni twe n'ingabo zacu tugomba kubohoza iki gihugu nta wundi ugomba kukibohoza. Igihe cyose rero kizaba kirangwamo Inyenzi ntibazadushuke ngo bagiye mu mishyikirano, ngo bagiye guhagarika imirwano ee iryo hagarika rizatuma tutongera gukandagira iwacu i Kibungo, tutongera gukandagira iwacu i Byumba, tutongera gukandagira iwacu mu Ruhengeri, tutongera kwambuka Nyabarongo ngo tujye i Gitarama, ee iryo hagarika ry'imirwano ntabwo umuntu yaryumva.

Amaradiyo yose mpuzamahanga na none, ari n'iy'Abafaransa RFI, ari n'iy'Abongereza BBC, hari n'iya Kenya KBC, harimo Radiyo Rwanda, bavuze amarorerwa Inkotanyi zakoze, bavuze ko zishe Musenyeri NSENGIYUMVA Visenti, Arikepiskopi wa Kigali, ko zishe Musenyeri NSENGIYUMVA Tadeyo ee Prezida wa Conférence épiscopale, ndetse ko zaba zaranishe Musenyeri wa Byumba, RUZINDANA Yozefu uretse ko hano banyongereyeho ko zaba zarishe na KASABWOYA (sic). Ibyo ari byo byose hejuru ya bariya basenyeri bishe n'abapadiri cumi na batatu.

Uko rero Inkotanyi zisobanura kuri Radiyo yazo Muhabura, kuko numvise amaradiyo yandi yavuze iyo nkuru ngo yayakomoraga kuri Muhabura, avuga ko "bariya bihaye Imana" ngo "babafashe baza kubarindisha Inkotanyi umunani, muri zazindi munani haza kuvamo enye zirabara... zirabarasa, izindi enye zisigaye zirasa za zindi enye zakoze ayo marorerwa", ngo hanyuma rero zicamo imwe batatu izindi Nyenzi eshatu ziracika". Ibyo rero ni amagambo, ni amagambo bariya bagabo bihaye Imana bazize ko ari Abahutu, ubwo bari babashyizeho ibiganza ari Abahutu ntabwo bari kubakira, nta kundi byari kugenda uretse kubica.

Ubu ejo na GAHIGI twavuze ubugome ndengakamere bw'Abatutsi, bwa kariya gatsiko k'Abatutsi-Hima, ubugome ndengakamere kabo. Twigeze kuvugira kuri Radiyo yanyu ko bariya

bantu batemera n'Imana ni abakomuniste abenshi ee mwagiye mwumva uko barerewe muri Cuba mbere y'uko Abanyamerika babagura bakabajyana, ni Abakoministe rero ntibigeze bane... ntibigeze bemera Imana, ntabwo bemera ikiremwamuntu uretse bo ubwabo ni bo biyemera. Ayo marorerwa rero bayadukoreye u Rwanda kuva bica Nyakubahwa Prezida wa Repubulika y'u Rwanda, ruri mu cyunamo, kuva bica abaturage b'Abahutu bageze ku bihumbi magana atatu, ruri mu cyunamo, kuva bica aba bihaye Imana Imana igomba kwakira, na bwo ruri mu cyunamo u Rwanda ruzaguma mu cyunamo rero igihe kirekire , icyunamo gitejwe na kariya gatsiko k'Abahima-Tutsi.

Na none mu makuru aratubwira yuko batarekeye aho bateye i Gatagara bakica ba bana b'ibimuga, akenshi na kenshi burya ba bana b'ibimuga bajya i Gatagara aba ari n'impfubyi, na bo rero ngo babakozemo barabica.

Iyindi nkuru rero itugezeho yo hari aho ee idateye agahinda nka ziriya nk'iriya ya mbere ni iy'uko ibihugu bya OUA byemeye ko u Rwanda ejo KARINDA ni we wahoze abyibaza, byemeye yuko u Rwanda ruhagararirwa na... Prezida wa Repubulika, Nyakubahwa SINDIKUBWABO Théodore. Inkotanyi rero zari zarimejeje neza zira... i Tunisi aho iyo nama izabera, zarikoroje zirimo ya yindi y'Imputu yitwa BIZIMUNGU ngo ngo ni bambe ngo "OUA" ngo "yitwaye nabi" ngo "kuko yemeye" ngo "Guverinoma y'agatsiko k'abicanyi". Kuri ibyo by'ubwicanyi rero tubigezeh, ya ngirwa Muryango urengera ibiremwa Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bw'Abanyamerika bita "Human righrirights, Human rights watch" yavuze yuko ngo "yakoze raporo y'abicanye ku bwicanyi bwabaye mu kwezi kane n'ukwa gatanu muri iki gihugu". Yo rero, iyo ngirwa Muryango ngo igasaba yuko abantu bazacirwa imanza", ngo "abagiye mu by'ubwicanyi, ubwicanyi bwari buteguye". Ubwo rero baracyaririmba indirimbo ishaje ntabwo bazi amakuru y'abasenyeri bacu bashiriye ku icumu, ntibazi yo twabwiwe na Burugumestre wa Muhazi, kuko bo baracyavuga ngo ngo "hapfuye Abatutsi" ngo "bishwe na Prezida wa CDR" ngo "ni we ugomba gucirwa urubanza", uretse ko Prezida wa CDR, Nyakubahwa BUCYANA Maritini Abatutsi bamwivuganye mbere y'uko n'ibi ngibi biba. Ngo "urubanza rugacirwa Prezida wa MRND", ngo "urubanza rugacirwa Jenerari BIZIMUNGU, na cyane cyane ariko noneho bakibasira uriya uhagarariye (...).

**Cassette 0026 transcrite par M.B.**

K0210682

**Fin de la cassette.**

**Cassette 0026 transcrite par M.B.**